# REKA TUVUGE KURI
# HEPATITE B NA C

## ibimenyetso byo kwitondera[1, 2, 3]

Akenshi nta bimenyetso bigaragara



Kubabara mu ngingo bidasobanutse





Kugira isesemi, kuruka, kubura ubushake bwo kurya



Umunaniro, intege nke, cyangwa kubura imbaraga

Guhinduka umuhondo ku gice cyera cy’amaso n’uruhu



Hepatite B na C zishobora kongera ibyago byo kurwara kanseri y'umwijima

## ibintu byongera ibyago n'uburyo bwo kwirinda[1, 2, 3, 4]

### Ibi bintu bishobora kongera ibyago byo kwandura hepatite:

- Guhura n'amaraso yanduye cyangwa andi matembabuzi yo mu mubiri
- Gukorana imibonano mpuzabitsina idakingiye
- Gusangira ibintu bityaye cyangwa ibindi bintu bishobora kuba byandujwe n'amaraso arwaye

### Ushobora gufata izi ngamba kugira ngo ugabanye ibyago byo kwandura hepatite:

- Fata urukingo rwa hepatite B
- Kora imibonano mpuzabitsina ikingiye
- Ntugasangire inshinge
- Wambare uturindantoki igihe cyose ushobora guhura n'amatembabuzi y'undi muntu

This educational material is made possible through the sponsorship of Bayer AG
Bayer AG assume no responsibility for the content of the material.
**MA-M_SOR-NG-0002-1**

Let’s talk about CANCER
LEARN. FIGHT. HOPE.

# GUSUZUMA HEPATITE

## ibibazo bikunze kubazwa [5, 6, 7, 8, 9, 10]

### Hepatite ni iki?

Hepatite B na C ni indwara ziterwa na virusi zitera uburibwe mu mwijima. Muri rusange ziravurwa kandi abantu benshi barakira neza.



### Ninde ukwiye kwipimisha hepatite?

Kwandura hepatite B cyangwa C bishobora kongera ibyago byo kurwara kanseri y'umwijima. Ugomba kwipimisha niba:

- Niba utarigeze wipimisha mbere
- Ukora ibikorwa byongera ibyago byo kwandura, nko gusangira ibikoresho bityaye cyangwa imibonano mpuzabitsina idakingiye
- Ushobora kuba warahuye na hepatite B cyangwa C



### "Gupima hepatite" bivuze iki?

- Gupima ni igihe muganga wawe agusuzuma mbere yuko ugira ibimenyetso
- Gupima hepatite bishobora kugaragaza ubwandu mbere yuko ibimenyetso bigaragara
- Gupima ntibikumira kanseri

### Ni gute umuntu apimwa hepatite?

- Vugana na muganga wawe umusabe ko upimwa
- Baza muganga wawe inshuro ugomba gupimwa



### Ni iki nkwiye kwitega igihe nzasuzumwa?

Bitewe n'ibyago ufite, muganga wawe ashobora kugusaba ikizamini cy'amaraso cyo gupima hepatite B na hepatite C


1- https://www.nhs.uk/coniver-cancer.html1- https://www.cdc.gov/hepatitis/hcp/clinical-overview/index.html
2- https://www.who.int/news-room/fact-sheets/detail/hepatitis-b
3- https://www.who.int/news-room/fact-sheets/detail/hepatitis-c
4- https://www.cdc.gov/hepatitis-c/prevention/index.html
5- https://www.cdc.gov/hepatitis/hcp/clinical-overview/index.html
6- https://www.mayoclinic.org/diseases-conditions/hepatitis-b/symptoms-causes/syc-20366802
7- https://www.hepctrust.org.uk/about-hep-c/treatment/
8- https://www.who.int/publications/i/item/9789240104082
9- https://www.cdc.gov/hepatitis-c/hcp/diagnosis-testing/index.html
10- https://www.cdc.gov/hepatitis-b/testing/index.html